ITEGEKO N°22/2002 RYO KU WA 09/07/2002 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA N'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA.

Twebwe, Paul KAGAME,
Perezida wa Repubulika,

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RYEMEJWE N'URUKIKO RW'IKIRENGA, ISHAMI RY'URUKIKO RURINDA IREMEZO RY'ITEGEKO SHINGIRO, KO RITANYURANYIJE N'ITEGEKO SHINGIRO MU RUBANZA N° 025/11.02/02 RWACIWE KU WA 05/07/2002, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho mu nama yayo yo ku wa 24 Kamena 2002;

Ishingiye ku Itegeko Shingiro, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane Itegeko Nshinga ryo ku wa 10 Kamena 1991 mu ngingo zaryo, iya 69 n'iya 97, n'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyayo cyerekeye igabana ry'ubutegetsi, mu ngingo zacyo, iya 6-d, iya 16-3°, iya 27-b, iya 40**,** iya 72 n'iya 73;

Ishingiye ku itegeko-teka ryo ku wa 7 Nyakanga 1980 rishinga imitunganyirize n'ububasha bw'inkiko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43, igika cya kabiri nk'uko ryemejwe n'itegeko n° 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982 ryemeza amategeko-teka;

Isubiye ku itegeko- teka ryo ku wa 19 Werurwe 1974 rishyiraho amategeko rusange agenga abakozi ba Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

<u>INTERURO YA MBERE</u>: **INGINGO RUSANGE**

<u>UMUTWE WA MBERE</u>: IBISOBANURO

<u>Ingingo ya mbere:</u>

1° a) Umukozi wa Leta ni umuntu wese ukora umurimo uteganyijwe mu butegetsi bwa Leta kandi ahembwa ku mafaranga akomoka ku mutungo wa Leta.

b) Ubutegetsi bwa Leta bugizwe n'urukomatanye rw'inzego z'imirimo Leta igena kugira ngo zikorere cyangwa zikemure ibibazo by'abaturage hitawe ku byo bakenera n'ibibazo byabo by'ibanze

2° a) Umurimo ni inyito ihabwa akazi umuntu akora, ahemberwa kandi afitiye ubushobozi.

Buri murimo ushobora kugirwa n'umwanya umwe cyangwa myinshi ikorwamo n'abakozi ba Leta.

b) Umwanya w'umurimo ureba umukozi wa Leta umwe gusa yashyiriwemo kugira ngo yuzuze inshingano zijyanye n'umurimo we.

c) Urukomatanye rw'imirimo ifite ibyo ihuriyeho byerekeranye n'imiterere y'ibikorwa, n'uburyo umuntu ahabwa akazi, uko azamurwa mu ntera , n'imiterere bwite y'aho akorera ibyo byose bigize urwego rw'umurimo.

d) Buri rwego rw'umurimo rugabanyijemo amashami akubiyemo imirimo ifite umwihariko ihuriyeho uyitandukanya n'indi mirimo.

e) Ishami rigizwe n'imirimo isa ibumbiye hamwe kandi ihuriye ku mahame amwe ajyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'imyumvikanire y'akazi mu rwego rw'amajyambere uru n'uru. Ishami ry'imirimo rifatwa kimwe n'urugaga rw'abantu bakora umwuga umwe.

f) Umurimo n'imyanya iwugize itondetse hakurikijwe ingazimpagarike n'ingazintambike.

g) Ingazimpagarike y'umurimo cyangwa y'umwanya w'akazi uhwanye n'uko imirimo ikurikirana ku rutonde rwayo. Ingazimpagarike ifatwa kimwe n'icyiciro.

h) Ingazintambike yerekana aho umurimo cyangwa umwanya uyu n'uyu uherereye mu cyiciro.

3° Intera ni inyito ihabwa umukozi wa Leta hakurikijwe umurimo cyangwa umwanya arimo. Intera y'umukozi wa Leta ishobora na none kugaragarira mu rwego rw'umurimo cyangwa mu rugaga rw'abantu bakora umwuga umwe. Intera y'umukozi wa Leta igaragaza mu buryo butaziguye urwego n'ishami ry'umurimo w'umukozi wa Leta, ndetse n'ingazimpagarike n'ingazintambike by'umwanya we.

4° Isesengura ry'umwanya w'umurimo ni uburyo butaziguye kandi bwumvikana neza bwifashishwa mu kugaragaza icyo umurimo usaba by'umwihariko, uburyo ukorwa, isura y'ibikorwa biwugize n'uruhare umuntu agira mu kuwutunganya, ndetse n'ibigamijwe n'ibisabwa byose ku muntu wese ushobora gushingwa uwo murimo.

5° Imbonerahamwe y'imyanya ni ishusho yerekana uburyo ubutegetsi bwa Leta ubu n'ubu buteye hakurikijwe inzego zibugize n'imyanya biri muri izo nzego n'ibyo iyo mirimo n'imyanya bisaba ndetse n'abakozi bayikora, impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi n'ubuzobere bujyanye na yo. Imbonerahamwe yerekana ku buryo butaziguye umubare w'imirimo n'imyanya y'akazi iteganyijwe, irimo abakozi n'iyo batarimo.

6° Ishyira ry'abakozi mu myanya bakwiye ni igikorwa cy'ubutegetsi gituma hatunganywa imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, umukozi wa Leta akavanwa mu mwanya uyu n'uyu akajyanwa mu wundi hagamijwe ishyirwa ry'abakozi mu myanya bakwiye ijyanye n'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi bafite n'uburambe bwabo ku kazi n'ibyo iyo myanya ubwayo isaba.

7° a) Umubare fatizo ni umubarwa mbumbe ugaragaza agaciro k'intera y'umukozi wa Leta cyangwa ak'umwanya we, ushingirwaho kugira ngo abarirwe umushahara.

b) Ishingiro ry'umubare fatizo ni cyo gipimo nyabumwe gikoreshwa kugira ngo berekane agaciro n'imizamukire by'intera n'imyanya y'imirimo.

c) Agaciro k'ishingiro ry'umubare fatizo ni umubare w'amafaranga ugenerwa ishingiro ry'umubare fatizo.

8° Imbonerahamwe fatizo y'imishahara ni ishusho igaragaza imibare fatizo iri hamwe ishobora kujyana n'intera n'imyanya y'imirimo, ari na byo bishingirwaho mu kubara imishahara fatizo.

<u>UMUTWE WA II</u>: ISHYIRWAHO RY'ITEGEKO N'ABO RIGENGA

<u>Ingingo ya 2:</u>

Iri tegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta. Rikubiyemo amategeko rusange agenga imicungire y' abakozi ba Leta mu nzego z'imirimo ya Leta.

<u>Ingingo ya 3:</u>

Iri tegeko rigenga abakozi bose ba Leta nk'uko bavugwa mu ngingo ya mbere 1° a).

Ariko rero sitati zihariye zigenga abasirikare n'abapolisi, zigena imiterere y'akazi, uburyo gatangwa, uko abakozi binjizwa mu kazi, uko bazamurwa mu ntera n'uko basohoka mu kazi.

Sitati zigenga abayobozi bo mu rwego rwa politiki n'urw'ubucamanza zigenwa n'amategeko yihariye.

Ingingo ya 4:

Sitati zihariye zigenga abakozi bo mu butegetsi bwa Leta buvugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 3 zishyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

INTERURO YA II: IMITUNGANYIRIZE Y'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA

UMUTWE WA MBERE: ISHYIRWAHO RY'INZEGO Z'IMIRIMO

Ingingo ya 5:

Imirimo ya Leta ikubiye mu nzego eshanu (5) zikurikira:
1° urwego rw'imirimo y'"ubuyobozi" , mu magambo ahinnye rukaba urwego "C" ;
2° urwego rw'imirimo y'"imicungire y'abantu n'ibintu", mu magambo ahinnye rukaba urwego "G" ;
3° urwego rw'imirimo yo ''kwerekera, kugira inama no gutekereza gihanga", mu magambo ahinnye "OC" ;
4° urwego rw'imirimo ''ijyanye n'umwuga", mu magambo ahinnye rukaba urwego "P";
5° urwego rw'imirimo yo gushyira mu bikorwa″ mu magambo ahinnye rukaba "E".

Ingingo ya 6:

Urwego "C" rurimo umukozi wa Leta ukora imirimo yo guhagararira ubutegetsi bwa Leta, kubungabunga ubusugire bw'igihugu, cyangwa guhagararira igihugu mu mahanga.

Urwego "C" rw'imirimo y'ubuyobozi rugizwe n'amashami ane: Ubutegetsi bw'Intara, Imijyi n'Uturere, Ingabo, Polisi y'Igihugu n'abahagarariye Igihugu mu Mahanga.

Kugira ngo umukozi wa Leta ashyirwe mu rwego rw'imirimo "C", hakurikizwa ibiteganywa n'Itegeko Shingiro, ubwumvikane cyangwa amasezerano.

Ingingo ya 7:

Urwego "G" rurimo umukozi wa Leta ukora imirimo y'ubuyobozi ijyanye n'igenzura, ihuzabikorwa, igenamigambi, isuzuma cyangwa ikurikiranabikorwa n'umutungo mu butegetsi bwite bwa Leta , mu bigo bigengwa na Leta, mu nzego z'imirimo zegerejwe abaturage no mu mishinga ya Leta.

Umukozi wa Leta ukora imirimo imaze kuvugwa mu gika cya mbere, mu mashami y'ikoranabuhanga nk'icungamari, "informatique/computer science",
"radiographie/radiography", ubushakashatsi muri laboratwari, na we ari mu rwego rwa "G".

Urwego "G" rugizwe n'amashami atanu: Ubutegetsi bwite bwa Leta , Inzego z'imirimo zegerejwe abaturage, Ibigo bigengwa na Leta, Imicungire y'Imishinga n'Imicungire mu bya Tekiniki.

Ingingo ya 8:

Urwego "OC" rureba umukozi wa Leta ukora imirimo cyangwa ibikorwa bijyana no gutanga ibitekerezo, gusesengura, gushakashaka, guhanga politiki y'imicungire y'abantu n'ibintu no kwerekera neza imirimo igomba gukorwa .
Urwego "OC" rugizwe n'amashami atatu (3): Isesengura, Ubushakashatsi n'Itekereza- gihanga, n'Ubujyanama.

Ingingo ya 9:

Urwego "P" rureba umukozi wa Leta ukora imirimo cyangwa ushyira mu bikorwa imirimo y'ubuhanga na tekiniki mu mirimo ya Leta.

Urwego "P" rufite amashami cumi n'atanu (15): Amajyambere y'Icyaro; Ubuzima; Ubuvuzi bw'Amatungo; Uburezi; Ubutaka n'Amasambu; Imirimo ya Leta, Imiturire n'Imitunganyirize y'Imijyi; Imikino, Urubyiruko n'Umuco; Iyegeranyanyandiko n'Ubushyinguranyandiko; Itangazamakuru n'Imenyeshamakuru; Imari; Ubukungu; Ubuhanga mu gukanika na "electionique/electronic"; Ubutabire n'ubuhanga mu by'ubutaka; Ubumenyi bw'ikirere no Gutwara Abantu n'Ibintu; Amaposita n'Itumanaho.

Ingingo ya 10:

Urwego "E" rureba umukozi wa Leta ukora imirimo yeretswe, ku buryo ntawe agenzura nta n'undi yayishinga. Umukozi wa Leta akora imirimo yunganira abandi ashingiye ku mabwiriza ahabwa n' umuyobora.

Urwego "E" rugizwe n'urukomatanye rw'amashami ashobora kubamo imirimo yo gushyira mu bikorwa.

Ingingo ya 11:

Abakozi bakora imirimo yo mu nzego "G", "OC", "P", na "E" bahabwa akazi n'umutegetsi ubifitiye ububasha bamaze gutsinda irushanwa.

UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IMIRIMO

Ingingo ya 12 :

Urutonde rw'imirimo ruri mu mbonerahamwe igizwe n'ingazimpagarike icumi (10), uhereye kuya cumi (10) ari yo iri hasi, ukagera ku ya mbere (1) ari yo iri hejuru. Buri murimo ugabanyijemo imyanya y'akazi. Imyanya y'akazi ihuriye ku murimo umwe igabanyijemo indi myanya icumi(10) inyuranye ihwanye n'ingazintambike na zo icumi (10); uhereye kuya mbere (1) ari yo ntoya ukageza ku ya cumi (10) ari yo iri hejuru.

Umwanya w'akazi ugaragara herekanwa ku ruhande rumwe inyuguti zigaragaza urwego n'ishami by'umurimo; naho ku rundi ruhande, herekanwa ku buryo bugaragara umwanya uri ku mbonerahamwe y'imirimo igizwe n'ingazimpagarike icumi (10) n'ingazintambike icumi (10).

Urutonde rw'imirimo ruri ku mugereka wa mbere.

Ingingo ya 13 :

Imyanya yose yo mu butegetsi bwa Leta iri ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yabanje kwemerwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha ahabwa n'amategeko.

Ingingo ya 14 :

Umwanya w'umurimo wateganyijwe ku ngengo y'imari ya Leta uhwanye n'ibikorwa byose, inshingano n'uburyozwe ku murimo bisaba ubumenyi n'ubushobozi bwihariye umukozi wa Leta agomba kuba afite.

Ingingo ya 15 :

Umukozi wa Leta abarirwa mu mwanya uyu n'uyu hakurikijwe urutonde rw'imirimo n'umwanya arimo mu bakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Nyamara, mu butegetsi bwihariye no mu matsinda atandukanye y'abakozi bivugwa mu ngingo ya 3, gushyira abakozi mu ntera na byo bigenwa na sitati zihariye.

INTERURO YA III: INZEGO Z'IMICUNGIRE Y'ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 16:

Inzego z'imicungire y'abakozi ba Leta ni:
1° umutegetsi wo mu rwego rw'igihugu ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta;
2° umutegetsi wo mu rwego rw'Intara, Imijyi n'Uturere ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta ;
3° Komisiyo y'Abakozi ba Leta.

Ububasha n'imikorere by'ubutegetsi bwo mu rwego rw'Igihugu, ubw'Intara, Imijyi n'Uturere ku birebana n'imicungire y'abakozi ba Leta bigenwa n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Sitati zihariye zishobora gushyiraho izindi nzego kugira ngo zicunge by'umwihariko ibirebana n'abakozi bavugwa mu ngingo ya 3.

UMUTWE WA MBERE : UMUTEGETSI WO MU RWEGO RW'IGIHUGU UFITE UBUBASHA BWO GUCUNGA ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 17:

Umutegetsi ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta mu rwego rw'Igihugu ni umutegetsi ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta muri urwo rwego.

Uwo mutegetsi ashobora kuba Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe , Minisitiri ufite Abakozi ba Leta mu nshingano ze, Minisitiri muri Minisiteri ayobora cyangwa Umuyobozi w'urundi Rwego rw'Ubutegetsi bwa Leta hakurikijwe uburemere bw'ibigomba gukorwa muri buri butegetsi.

UMUTWE WA II : UMUTEGETSI WO MU RWEGO RW'INTARA, IMIJYI N'UTURERE UFITE UBUBASHA BWO GUCUNGA ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 18:

Umutegetsi ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta mu rwego rw'Intara, Imijyi n'Uturere ni umutegetsi ufite ububasha bwo gucunga abakozi ba Leta bakorera mu nzego z'imirimo zegerejwe abaturage.

UMUTWE WA III: KOMISIYO Y'ABAKOZI BA LETA N'INZEGO Z'IMIRIMO YA LETA

Ingingo ya 19:

Hashyizweho Komisiyo yigenga y'Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta yitwa "KOMISIYO" mu ngingo zikurikira.

Ingingo ya 20:

Komisiyo igizwe n'abantu batanu (5) bazwiho ubudakemwa mu mico, no mu myifatire, ubushishozi n'ubushobozi, bitwa "Abakomiseri".

Abagize Komisiyo batorwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu bakandida icumi (10) batanzwe n'Inama y'Abaminisitiri. Batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) idashobora kongerwa. Abagize Komisiyo bashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 21:

Komisiyo ifite intego yo guharanira no gushimangira ko mu butegetsi bwa Leta habamo:
1° gukoresha ukuri no kutabogama mu itangwa ry'akazi no mu micungire y'abakozi;
2° kwita ku myifatire myiza no ku myitwarire mbonezamurimo;
3° kwita ku mategeko, ibyemezo byo mu nzego z'ubutegetsi n'uburyo buboneye bigamije kongera umusaruro mu mirimo ya Leta hakurikijwe amategeko;
4° guteza imbere no guhuza uburyo n'imikorere iboneye mu micungire y'imirimo inyuranye ya Leta.

Ingingo ya 22:

Zimwe mu nshingano za Komisiyo ni izi zikurikira:
1° gutegura no gukoresha amarushanwa ku myanya inyuranye y'inzego z'imirimo y'akazi ka Leta no gutangaza abayatsinze;
2° gutanga imyanzuro ku bushobozi bw'abantu mbere y'uko bahabwa imirimo;
3° gutanga imyanzuro ku ma raporo y'igeragezwa mu gihe ritakozwe neza;
4° gutanga imyanzuro ku byemezo by'abaganga bishingirwaho kugira ngo umukozi wa Leta ahabwe ikiruhuko kirekire cy'uburwayi;
5° guha imyanzuro umutegetsi wo mu rwego rw'Igihugu cyangwa wo mu rwego rw'Intara, Imijyi n'Uturere ushinzwe gucunga abakozi ba Leta, ku bijyanye n'ihagarikwa ry'umukozi wa Leta ku mirimo ye;
6° kwita ku mahame arebana n'ishyirwa ry'abakozi mu mahugurwa;

7° gukora igenzura n'ipereireza igihe umukozi wa Leta ajuriye abona ko uburenganzira bwe butubahirijwe cyangwa abona ko azize akarengane k'abayobozi be. Icyo gihe ikorera raporo ubutegetsi bwa Leta burebwa n'icyo kibazo n'inzego zibifitiye ububasha;
8° gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri n'Inteko Ishinga Amategeko, bitarenze amezi abiri (2) mbere y'uko umwaka urangira, raporo y'umwaka ushize ijyanye n'ibyakozwe n'isesengura ry'imikorere y'inzego zinyuranye z'ubutegetsi bwa Leta.

Ingingo ya 23:

Imiterere n'imikorere ya Komisiyo igenwa n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

INTERURO YA IV: UKO ABAKOZI BINJIZWA MU MIRIMO

UMUTWE WA MBERE: ITANGWA RY'AKAZI

Ingingo ya 24:

Umurimo utangwa gusa iyo hari umwanya umwe cyangwa myinshi idafite abayirimo kandi yarateganyirijwe amafaranga ku ngengo y'imari ya Leta.

Buri mwanya w'akazi ukorerwa isesengura risesuye nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya mbere 4°.

Ingingo ya 25:

Itegeko rishyiraho ingengo y'imari ya Leta rigaragaza buri mwaka, rishingiye ku mbonerahamwe z'inzego zose z'imirimo ya Leta, imirimo n'imyanya yakuweho, iyagumyeho cyangwa indi mishya yashyizweho, byose bigakorwa hakurikijwe urutonde rw'imirimo ruvugwa mu ngingo ya 12.

Ingingo ya 26:

Itangwa ry'akazi mu nzego z'imirimo "G", "OC", "P" na "E" rikorwa hakurikijwe irushanwa ryateguwe na Komisiyo, ari na yo igomba gutangaza imyanya itarimo abakozi n'amanota y'irushanwa ryakozwe.

Ingingo ya 27:

Irushanwa riri ukubiri: hari irushanwa rikorwa gusa n'abakozi basanzwe bakora mu butegetsi ubu n'ubu bwa Leta; cyangwa se rikozwe n'abakozi bo mu mirimo yose ya Leta, hakaba n'irindi rikorwa n'abantu bose babishaka bujuje ibisabwa ku mwanya upiganirwa.

Ingingo ya 28:

Ibyangombwa byuzuzwa kugira ngo umuntu yemererwe gukora irushanwa:
1° kuba ari umunyarwanda;
2° kuba agejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;
3° kuba afite ubuzima bwiza butuma abasha imirimo ipiganirwa;
4° kuba atarigeze akatirwa igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu gusubiza hejuru;
5° kuba afite impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ikwiranye n'umwanya ashobora gushyirwamo;
6° kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi, cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ari wo wose wa Leta uretse iyo ari ugushaka gusubizwa mu kazi.

Ibindi byangombwa by'inyongera bishobora guteganywa ku mirimo imwe n'imwe, hakurikijwe amasezerano na sitati zihariye.

UMUTWE WA II: IRAHIRA

Ingingo ya 29 :

Mbere yo gutangira imirimo ye, buri mukozi wa Leta arahira indahiro ikurikira:
-«Njyewe....., ku izina ry'Imana ishobora byose, ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro ko nzatunganya imirimo nshinzwe, ko ntazahemukira Repubilika y'u Rwanda, ko nzubaha Umukuru w'Igihugu n'Inzego za Leta, kandi ko nzaharanira ibyagirira abaturarwanda bose akamaro, nubahiriza Itegeko Shingiro n'andi Mategeko».

Indahiro ikorerwa ku mugaragaro imbere y'umutegetsi ubifitiye ububasha**.**

INTERURO YA V: IKORWA RY'UMURIMO

UMUTWE WA MBERE: UMURIMO N'AMASAHA Y'AKAZI

ICYICIRO CYA MBERE: UMURIMO

Ingingo ya 30:

Buri mukozi wese akorera umurimo we muri umwe mu myanya iteganyijwe mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemejwe nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 25.

Mu gihe umukozi wa Leta afite impamvu zimubuza kujya ku kazi arasimburwa by'agateganyo. Umusimbura we agomba kuba ari umukozi wa Leta w'aho yakoreraga, afite ubushobozi nk'ubwe kandi afite intera yisumbuye cyangwa ingana cyangwa se iri munsi ho gato y'iy'umukozi wa Leta wari usanzwe muri uwo mwanya.

Uburyo bwo gusimbura by'agateganyo umukozi wa Leta ufite impamvu zimubuza kuza ku kazi, bushyirwaho na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

ICYICIRO CYA II: AMASAHA Y'AKAZI

Ingingo ya 31:

Amasaha y'akazi y'abakozi ba Leta mu cyumweru ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Uburyo ayo masaha yubahirizwa, cyane cyane ku birebana n'ikiruhuko cya buri cyumweru ku bakozi ba Leta muri rusange no ku babyeyi bonsa by' umwihariko, bishyirwaho n'iryo teka.

UMUTWE WA II: IGERAGEZWA N'IYINJIZWA MU BAKOZI

ICYICIRO CYA MBERE: IGERAGEZWA

Ingingo ya 32:

Buri mukozi wese atangira akazi ageragezwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) aho umuyobozi we wo mu rwego rwa mbere asuzuma ubushobozi n'imyitwarire ye mu kazi.

Iyo igeragezwa rigaragaje ko umukozi wa Leta ashoboye akazi, yemezwa ku murimo we burundu.

Igihe igeragezwa ritagenze neza, umukozi wa Leta yirukanwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha amaze kumva icyo Komisiyo ibitekerezaho.

Nyamara, umutegetsi ubifitiye ububasha ashobora gusubirishamo igeragezwa mu gihe kitarenze amezi atandatu bitewe n'impamvu zigaragara zikubiye muri raporo ya Komisiyo.

ICYICIRO CYA II: IYINJIZWA MU BAKOZI.

Ingingo ya 33:

Iyo umukozi wa Leta yahawe akazi burundu ashyirwa mu ishami ry'imirimo rijyanye n'umwanya we hakurikijwe ingazimpagarike n'ingazintambike.

Intera y'umukozi wa Leta ihwanye n'umwanya w'umurimo we hakurikijwe ingazi y'urutonde rw'imirimo.

UMUTWE WA III: IMIHINDAGURIKIRE MU MYANYA Y'ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 34:

Imihindagurikire umukozi wa Leta ashobora guhura na yo mu kazi ni: gushyirwa mu mwanya, kwimurwa, kwimurirwa ahandi, guhabwa inshingano nshya, kujya mu butumwa no kujya mu mahugurwa.

Ingingo ya 35:

Gushyirwa mu mwanya ni icyemezo umutegetsi ubifitiye ububasha afata cyo gushyira umukozi wa Leta mu mwanya umukwiye.

Ingingo ya 36:

Iyo umukozi wa Leta ahinduriwe umwanya ariko ntibitume ahindurirwa ubutegetsi, byitwa kwimurwa.

Ingingo ya 37:

Iyo umukozi wa Leta ahinduye urwego, ishami ry'umurimo cyangwa amategeko amugenga byitwa kwimurirwa ahandi.
Kwimurirwa ahandi k'umukozi wa Leta ntibishobora gukorwa iyo uwo mukozi atujuje ibisabwa n'umwanya uteganyijwe ku mbonerahamwe y'imirimo no ku ngengo y'imari muri urwo rwego rundi rw'umurimo umukozi wa Leta yimurirwamo.

UMUTWE WA IV :UKO UMUKOZI WA LETA AGENGWA N'AYA MATEGEKO

Ingingo ya 38:

Uko umukozi wa Leta agengwa n'aya mategeko byerekana aho aba aherereye mu kazi .
Umukozi wa Leta ashobora kuba:
1° mu kazi;
2° atijwe;
3° ashyizwe ahandi;
4° yahagaritse akazi mu gihe kitazwi;
5° ahagaritswe by'agateganyo.

ICYICIRO CYA MBERE : AKAZI

Ingingo ya 39:

Akazi ni uburyo umukozi wa Leta aba ari mu mwanya yashyizwemo kandi akora koko imirimo ijyanye n'uwo mwanya.

Afatwa nk'umukozi wa Leta uri ku kazi, umukozi wa Leta uri mu kiruhuko; mu butumwa; mu mahugurwa.

Ingingo ya 40:

Umukozi wa Leta uri mu kazi afite uburenganzira bwe bwose**.**

<u>Akiciro ka mbere</u>: Ikiruhuko

<u>Ingingo ya 41:</u>

Uretse ikiruhuko cya buri mwaka giteganywa n'amategeko, umukozi wa Leta ashobora guhabwa ikiruhuko cy'uburwayi, icy'ingoboka cyangwa uruhusa.

<u>Ingingo ya 42:</u>

Nyuma y'amezi cumi n'abiri (12) y'akazi, umukozi wa Leta agomba kujya mu kiruhuko cya buri mwaka giteganywa n'amategeko gihwanye n'iminsi mirongo itatu (30) y'ukwezi.

Ikiruhuko cy'umwaka kibarwa bafashe iminsi ibiri n'igice (2.5) mu kwezi, kandi umukozi wa Leta ashobora kugifata akigabanyijemo inshuro zitarenze eshatu (3) mu mwaka.

<u>Ingingo ya 43:</u>

Iyo umukozi wa Leta atashoboye gufata ikiruhuko umwaka ushize kubera impamvu z'akazi, kandi yaracyatse mu nyandiko, abona ikiruhuko cy'imyaka ibiri ikurikirana.
Nyamara umukozi wa Leta ntashobora gukora imyaka irenze ibiri ikurikirana adahawe ikiruhuko cy'umwaka.

Ariko kandi, iyo muri icyo gihe, umukozi wa Leta atashoboye gufata ikiruhuko cye kubera impamvu z'akazi, akava aho yari ari ku mpamvu zinyuranye, ahabwa insimburakiruhuko ingana n'umushahara ubarwa hakurikijwe iminsi y'ikiruhuko afiteho uburenganzira.

<u>Ingingo ya 44:</u>

Umukozi wa Leta ashobora guhabwa ikiruhuko kitarengeje iminsi mirongo itatu (30) kubera impamvu z'uburwayi cyagwa ubumuga bugaragajwe n'icyemezo cya muganga wemewe na Leta.

<u>Ingingo ya 45:</u>

Iyo umukozi wa Leta adashobora gusubira ku mirimo byemejwe n'impapuro za muganga wemewe na Leta na zo zatanzweho ibitekerezo na Komisiyo, ahabwa ikiruhuko kirekire kidashobora kurenza amezi atandatu (6), icyenda (9) cyangwa cumi n'abiri (12) bitewe n'uko umukozi wa Leta afite munsi y'imyaka itanu (5), kuva kuri itanu (5) kugeza ku icumi (10) cyangwa afite hejuru y'imyaka cumi (10) y'uburambe ku kazi.

<u>Ingingo ya 46:</u>

Umukozi wa Leta abona ikiruhuko cy'ingoboka ku buryo bukurikira:
1° iminsi ibiri (2) y'akazi kubera urupfu rwa sebukwe cyangwa nyirabukwe;
2° iminsi itatu (3) y'akazi kubera iyimurwa ry'umukozi wa Leta rituma ahindura icumbi;
3° iminsi ine (4) y'akazi kubera ishyingirwa ry'umukozi wa Leta, umwana cyangwa umubyeyi w'umukozi wa Leta; kubyara k'uwo bashakanye; urupfu rw' umubyeyi w'umukozi wa Leta ku gisanira cya mbere ; urupfu rw' umuvandimwe ku gisanira cya mbere ;
4° iminsi icumi (10) y'akazi kubera urupfu rw'uwo bashakanye cyangwa umwana we;
5° ibyumweru cumi na bibiri (12) bikurikirana by'ikiruhuko cy'umubyeyi birimo nibura bibiri (2) agomba gafata mbere yo kubyara na bitandatu nibura (6) agomba gufata nyuma yo kubyara.

Ikiruhuko cy'ingoboka gitangwa iyo impamvu ituma gitangwa ikimara kugaragara.

<u>Ingingo ya 47:</u>

Uruhusa rutarengeje umunsi umwe rutavanwa mu minsi y'ikiruhuko cy'umwaka rushobora guhabwa umukozi wa Leta, ku buryo bw'umwihariko, iyo amaze kwerekana impamvu ifatika ituma arusaba; kandi akaruhabwa n'umukuriye mu kazi.

Nyamara umukozi wa Leta ntashobora kurenza iminsi cumi (10) y'uruhusa mu mwaka.

Ingingo ya 48:

Ikiruhuko cy'umwaka n'ikiruhuko cy'ingoboka bitangwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha cyangwa umuhagarariye.
Ikiruhuko gitewe n'indwara y'igihe kirekire gitangwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha, amaze kumva icyo Komisiyo ibivugaho.

Akiciro ka II: Ubutumwa

Ingingo ya 49:

Amabwiriza agenga ubutumwa ashyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Akiciro ka III: Iyigishwa n'Ihugurwa

Ingingo ya 50:

Iyigishwa ry'umukozi wa Leta riba igihe uwo mukozi yahagaritse akazi by'agateganyo kugira ngo akurikirane inyigisho z'igihe runaka, zibera aho asanzwe akorera cyangwa ahandi, zigamije kumuha ubumenyi bushya butuma akora neza imirimo yari asanzwe ashinzwe cyangwa ashobora gushingwa.

Iyigishwa rishobora kubera mu gihugu cyangwa mu mahanga, mu kigo cyabugenewe gishinzwe guhugura cyangwa mu kigo cy'imirimo yihariye, cyangwa se ahandi hantu haberanye n'ubwoko bw'iyigishwa iri n'iri.

Ingingo ya 51:

Amahugurwa y'abakozi ashobora gukorwa ku buryo butatu:
1° iyigishwa ry'igihe kigufi cyangwa kirekire;
2° amahugurwa nyongera bushobozi;
3° ingendoshuri;

Ingingo ya 52 :

Iyigishwa ry'igihe kigufi cyangwa kirekire rigamije gutanga ubumenyi bushya kandi rikorerwa mu kigo cy'igihugu cyangwa mpuzamahanga cyemewe.

Iyigishwa ry'igihe kigufi cyangwa kirekire rikorwa mu gihe cy'imirimo rigomba kuba mbonezamukoro kandi rijyanye n'isesengura ry'ibikorwa by'umurimo w'umukozi wa Leta.

Ingingo ya 53:

Umukozi wa Leta agomba gukurikirana amahugurwa buri gihe ajyanye n'ibyo akora, kugira ngo bimufashe guhora yiyungura ubwenge mu kazi akora .

Ingingo ya 54:

Umukozi wa Leta ashobora gukora ingendoshuri, zigamije kwiga no kumenya imiterere nyayo y'umurimo.

Ingingo ya 55:

Uburyo ayo mahugurwa anyuranye akorwa, n'ibigenerwa abayarangije, bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

ICYICIRO CYA II: ITIZWA RY'ABAKOZI

Ingingo ya 56:

Itizwa ni igihe umukozi wa Leta ahagarika akazi by'agateganyo kubera inyungu z'igihugu kugira ngo:
1° akore umurimo mu muryango Leta ifitemo inyungu cyangwa mu muryango wigenga ufitanye amasezerano na Leta;
2° akore umurimo mu muryango mpuzamahanga.

Itizwa ryemezwa n'umutegetsi wo mu rwego rw'Igihugu ubifitiye ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta.

Ingingo ya 57 :

Iyo umukozi wa Leta atijwe, umurimo yakoraga ushakirwa undi mukozi. Umukozi wa Leta watijwe agengwa n'amategeko y'ikigo cyangwa umuryango yajyanywemo keretse ibyerekeye kurangiza akazi burundu.

Umukozi wa Leta watijwe agumana uburenganzira bwo kuzamurwa mu ntera, mu mushahara no mu burambe ku kazi mu rwego n'ishami by'umurimo yari arimo.

Ingingo ya 58 :

Iyo umukozi wa Leta watijwe agarutse asubizwa mu kazi keretse iyo itizwa rye rihagaritswe n'impamvu z'ibihano.

ICYICIRO CYA III: GUSHYIRWA AHANDI

Ingingo ya 59:

Gushyirwa ahandi ni igihe umukozi wa Leta ashyirwa mu bundi butegetsi bwa Leta bufite sitati itandukanye n'iyo ubutegetsi bwamwohereje cyangwa mu muryango uharanira guteza imbere abaturage, agakomeza kugengwa n'amategeko y'ubutegetsi bumwohereje.

Gushyirwa ahandi byemezwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha.

ICYICIRO CYA IV: IHAGARIKA RY'AKAZI MU GIHE KITAZWI

Ingingo ya 60:

Ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi ni igihe umukozi wa Leta ukora akazi gahoraho mu rwego rumwe mu nzego z'ubutegetsi bwa Leta, ku mpamvu ze bwite, yemererwa guhagarika mu gihe kitazwi imirimo ye.
Iyo umukozi wa Leta yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi, umurimo we uhabwa undi.

Ingingo ya 61:

Umukozi wa Leta uhagaritse akazi mu gihe kitazwi nta burenganzira agira ku mushahara no kuzamurwa mu ntera.

Ingingo ya 62:

Guhagarika akazi mu gihe kitazwi, umukozi wa Leta abisaba mu nyandiko iherekejwe n'icyemezo cy'iyakira, umutegetsi ufite ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta, akagenera kopi umuyobora mu kazi.

Umutegetsi ubifitiye ububasha asuzuma ikibazo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yakiriye ikibazo.

Ingingo ya 63:

Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi ategetswe kuguma ku kazi kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyafashwe.

Guhagarika akazi mu gihe kitazwi bifatwa nk'ibyemewe iyo igihe kivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 62 kirangiye.

Ingingo ya 64:

Umukozi wa Leta wahagaritse akazi mu gihe kitazwi ntashobora gusubizwa mu kazi bundi bushya, keretse iyo hari umwanya uteganyijwe mu ngengo y'imari utanafite uwurimo kandi yatsinze irushanwa ry'uwo mwanya.

ICYICIRO CYA V: IHAGARIKWA RY'AGATEGANYO KU MIRIMO

Ingingo ya 65:

Ihagarikwa ry'agateganyo ku murimo ni igihe umukozi wa Leta , bitewe no gusiba kwe nta mpamvu zizwi cyangwa impamvu zihariye, ahagarikwa gukora akazi nk'uko bisanzwe.

Igihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo ku murimo ntigishobora kurenza amezi atandatu (6).

Ingingo ya 66:

Umukozi wa Leta ahagarikwa by'agateganyo ku murimo :
1° kubera ibura cyangwa ivanwaho ry'umurimo.
2° kubera impamvu zikurikira:

a) iyo yataye akazi, nta mpamvu izwi cyangwa nta ruhusa, mu gihe kigeze nibura ku minsi cumi n'itanu (15) ikurikirana;
b) iyo yahawe igihano cyo kuba ahagaritswe;
c) iyo yahanishijwe igihano cy'igifungo kiri munsi y'amezi atandatu (6);
d) iyo abonyweho ikosa rishobora gutuma ahabwa igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo cyangwa icyo kwirukanwa;
e) iyo itizwa rye rihagaritswe n'impamvu z'ibihano.

Muri icyo gihe , umukozi wa Leta nta burenganzira aba afite ku mushahara, mu kuzamurwa mu ntera no mu burambe ku kazi, keretse umukozi wa Leta uvugwa muri 1° uhabwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara bwite w'intera n'urwego agezeho.

Ingingo ya 67:

Ihagarikwa ry'agateganyo ku murimo ryemezwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha bisabwe n'ubutegetsi akoramo hakurikijwe icyemezo cya Komisiyo .

Ingingo ya 68:

Ihagarikwa ry'agateganyo ku murimo ry'umukozi wa Leta rirangira bitewe no:
1° gusubizwa mu kazi iyo umwanya ubonetse;
2° gusubizwa mu kazi arangije igihano cy' igifungo cyangwa igihano cyo mu kazi;
3° kwirukanwa burundu cyangwa gusezererwa nta mpaka.

ICYICIRO CYA VI: GUSUBIZWA MU KAZI

Ingingo ya 69:

Umuntu waretse kuba umukozi wa Leta ashobora kongera kumuba abyisabiye, iyo bijyanye n'inyungu z'Igihugu.

Ingingo ya 70:

Ibyangombwa byo gusubizwa mu kazi ni ibi bikurikira:
1° usubizwa mu kazi agomba kuzuza ibiteganywa byo guhabwa akazi bivugwa mu ngingo ya 28;
2° kuba hari umwanya uteganyijwe ku ngengo y'imari kandi utagira uwurimo.

UMUTWE WA V: ISUZUMABUSHOBOZI NO KUZAMURWA MU NTERA

Ingingo ya 71:

Abakozi ba Leta bakorerwa isuzumabushobozi rya buri mwaka n'abayobozi babo nyuma ya buri mezi cumi n'abiri (12) umukozi wa Leta ari ku kazi.

Ingingo ya 72:

Isuzumabushobozi rigamije kugaragariza ubuyobozi imiterere y'umukozi wa Leta, ubushobozi bwe n'ukuntu akora. Ni ryo rishingirwaho, buri myaka ibiri, kugira ngo umukozi wa Leta agire uburenganzira bwo kuva mu cyiciro cy'ingazintambike ajya mu kindi no kuzamurirwa umushahara.

Uburyo bw'isuzumabushobozi n'izamura mu ntera by'abakozi bushyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA VI: UBURENGANZIRA BW'ABAKOZI, IBYO BASABWA, N'IBITABANGIKANA N' IMIRIMO YABO

ICYICIRO CYA MBERE: UBURENGANZIRA

Ingingo ya 73:

Umukozi wa Leta afite uburenganzira busesuye nk'ubwundi muturage wese. Abukoresha hakurikijwe amategeko n'andi mabwiriza yubahirizwa mu Gihugu.

.

Ingingo ya 74:

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kugira dosiye ye bwite y'akazi ibitswe n'ubuyobozi kandi ikubiyemo impapuro zose za ngombwa zigaragaza imibanire ye n'ubuyobozi n'amateka y'aho yagiye akora hose.

Ingingo ya 75:

Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye bwite y'akazi, atayimuye no gusaba mu buyobozi, ibisobanuro, gukosora, gushyira ku gihe, kongeramo ibiburamo cyangwa gukuramo ibikosheje, ibituzuye, ibiteye urujijo, ibyataye agaciro ku buryo kubyegeranya, kubikoresha, kubitangaza cyangwa kugumya kubibika bibujijwe.

Igihe umukozi wa Leta bireba abisabye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bugomba gukosora ibyo asabye ko bikosorwa.

Iyo hari icyo atemera, ubuyobozi ni bwo butanga ibisobanuro, uretse igihe bigaragaye ko byatangajwe na nyir'idosiye cyangwa se ari we wabitangiye uruhushya.

Ingingo ya 76:

Leta ifite inshingano, mu buryo bushoboka, yo kubungabunga umutekano w'umukozi wa Leta, haba kubamutoteza, abamusebya, abamuhohotera, abamubangamira n'abamugirira nabi mu gihe cyose arangiza inshingano ashinzwe mu kazi ke.

Ingingo ya 77:

Leta ifite inshingano yo kurinda umukozi wayo impanuka n'indwara zikomoka ku kazi. Igihe zibayeho hakurikizwa amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi.

Byongeye kandi, Leta yunganira umukozi wayo mu kwivuza no mu kuvuza uwo bashakanye n'abana be bemewe n'amategeko ibinyujije mu bwishingizi bw'indwara.

Ingingo ya 78:

Umukozi wa Leta ahabwa inkunga imufasha kwicumbikira.

Ingingo ya 79:

Umukozi wa Leta ahabwa inkunga imufasha kugera ku kazi no gutaha.

Iyo umukozi wa Leta yoherejwe gukorera ahandi, kure y'aho yarasanzwe akorera, Leta igomba kumugenera uburyo we n'abe bagera yo.

Ingingo ya 80:

Uburyo amabwiriza akubiye mu ngingo ya 78 n'iya 79 yubahirizwa bushyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

ICYICIRO CYA II: IBYO UMUKOZI WA LETA ASABWA

Ingingo ya 81:

Umukozi wa Leta agomba gutunganya ubwe umurimo asabwa, kuwitaho buri gihe, gukorana ubupfura, kutagira aho abogamira, kubaha ibikorwa rusange, kwibwiriza no kwita ku bifitiye abaturarwanda akamaro.

Ategetswe kandi gusubiza ibyo abazwa n'abamugana yubahiriza amategeko yerekeye kudapfa kuvuga ibyo abonye byose no kutamena amabanga y'akazi ashinzwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 85.

Ingingo ya 82:

Umukozi wa Leta agomba kubungabunga umutungo wa Leta haba mu gihe cy'akazi cyangwa nyuma yaho, afatanya n'abandi mu icunga ryawo kugira ngo utangirika cyangwa ngo ugabizwe abandi.

Ingingo ya 83:

Umukozi wa Leta agomba kwirinda ibikorwa ibyo ari byo byose binyuranye n'imyifatire myiza mu mirimo ashinzwe.

Ingingo ya 84:

Umukozi wa Leta wese agomba gutunganya akazi ashinzwe. Muri urwo rwego yubahiriza amabwiriza yihariye cyangwa rusange ahabwa n'umukuriye mu kazi hakurikijwe amategeko.

Ingingo ya 85:

Umukozi wa Leta agomba kugira ibanga mu byerekeye ibikorwa, amakuru cyangwa inyandiko yamenye ku kazi akora, usibye mu bihe biteganywa n'amategeko cyangwa abiherewe uruhushya n'umutegetsi umukuriye mu kazi.

ICYICIRO CYA III: IBITABANGIKANA N'UMURIMO

Ingingo ya 86:

Ibitabangikana n'umurimo w'umukozi wa Leta ni ibi :
1° ibikorwa bya politiki ibyo ari byo byose bishobora kubangamira imikorere n'inyungu rusange by'umurimo wa Leta no gukoresha ukuri n'ubutabera ntakubogama muri uwo murimo ;
2° umwuga cyangwa ibikorwa ibyo ari byo byose by'ubucuruzi cyangwa by'inganda byabangamira imirimo ashinzwe ;
3° kuba mu buyobozi buhoraho cyangwa mu butegetsi bw'isosiyete cyangwa ubw'ikigo icyo ari cyo cyose cy'ubucuruzi n'inganda igihe byabangamira imirimo ashinzwe ; nyamara ibyo ntibikurikizwa ku bahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga.

Umukozi wa Leta abujijwe kugira inyungu mu kigo ashinzwe kugenzura ubwe cyangwa gifite aho gihuriye na we, haba ku giti cye cyangwa yitwaje undi muntu, uko cyaba cyitwa kose, igihe izo nyungu zamutera kwica akazi ke cyangwa kumubuza ubwigenge no gukoresha ukuri n'ubutabera nta kubogama.

INTERURO YA VI: IBIHANO, UBUJURIRE, AMASHIMWE N'IMPETA Z'ICYUBAHIRO

UMUTWE WA MBERE: IBIHANO

Ingingo ya 87 :

Igihe umukozi wa Leta adakoze ibyo ashinzwe biba ikosa rihanishwa kimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 92 hakurikijwe uburemere bw'iryo kosa.

Ingingo ya 88 :

Uburyo bwo gukurikirana ikosa ry'umukozi no kumuhana bukorwa mu nyandiko.

Ingingo ya 89 :

Ikosa n'igihano by'umukozi wa Leta ntibibangamira uburyozwe bw'icyaha n'igihano biteganywa n'amategeko ahana ku buryo ikosa ry'umukozi wa Leta rishobora gukurikiranwa mu kazi no mu nkiko.

Ingingo ya 90 :

Nta kosa na rimwe umukozi wa Leta ashobora guhanirwa atabanje guhabwa umwanya wo kuryisobanuraho mu nyandiko.

Nta gihano na kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa ikosa ritarahama nyir'ubwite.

Ingingo ya 91 :

Ibihano bihabwa abakozi biri mu bice bibiri: ibihano byo mu rwego rwa mbere n'ibyo mu rwego rwa kabiri.
Ibihano byo mu rwego rwa mbere byerekeye amakosa yoroheje, naho ibyo mu rwa kabiri byerekeye amakosa aremereye.

Ingingo ya 92 :

Ibihano byo mu rwego rwa mbere ni: kwihanangirizwa, kugawa, cyangwa gukatwa icya kane cy'umushahara w'ukwezi kumwe gusa.

Ibihano byo mu rwego rwa kabiri ni: guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu, gukerererwa kuzamurwa mu ntera cyangwa kwirukanwa burundu.

Ingingo ya 93 :

Ibihano byo mu rwego rwa mbere bitangwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha.

Ibihano byo mu rwego rwa kabiri bitangwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha amaze kumva icyemezo cya Komisiyo.

Ingingo ya 94 :

Igihano cyose cyo mu rwego rwa kabiri, mbere y'uko cyemezwa, kigomba kugezwa ku mukozi nk'umushinga, kugira ngo atange ibindi bisobanuro. Ibihano byahawe umukozi wa Leta bishobora kuvanwaho.

Kuvanwaho kw'igihano bikorwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha amaze kumva icyo Komisiyo ibivugaho.

Ingingo ya 95 :

Ibirebana n'uburyo bw'imihanire bishyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

UMUTWE WA II: UBUJURIRE

Ingingo ya 96 :

Umukozi wa Leta wumva yarenganijwe ashobora kujuririra inzego z'ubutegetsi cyangwa se inkiko zibishinzwe.

Ingingo ya 97 :

Ubujurire ku nzego z'ubutegetsi bukorerwa, mu rwego rwa mbere, ku butegetsi bukuriye uwahawe igihano, naho mu rwego rwa kabiri, bugakorwa kuri Komisiyo bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi umukozi wa Leta yamenyesherejweho igihano.

Ingingo ya 98 :

Ubutegetsi cyangwa Komisiyo byajuririwe bigomba gufata icyemezo mu minsi itarenze mirongo itatu (30) uhereye ku munsi byaboneyeho ubujurire bw'umukozi wa Leta; bitaba ibyo icyemezo cyajuririwe kikaba gitaye agaciro.

UMUTWE WA III: AMASHIMWE

Ingingo ya 99:

Umukozi wa Leta werekanye by'umwihariho ubwitange, ubudakemwa, ubunyakuri no kutabogama mu mirimo ye kandi akanagira uruhare mu mizamukire no mu mikorere myiza y'ubutegetsi arimo, ashobora guhabwa kimwe mu bihembo bikurikira:

1° ibaruwa y'ishimwe;
2° ibaruwa y'ishimwe rihanitse;
3° ishimwe ku mugaragaro;
4° umudari w'ishimwe w'akazi.

Ingingo ya 100:

Ibihembo bivugwa mu ngingo ya 99 bigendana n'amashimwe adasanzwe atanga uburenganzira nko:

1° gutambutswa mbere mu nzego za Leta;
2° gutumirwa mu minsi mikuru ya Leta.

Ingingo ya 101 :

Amabaruwa y'ishimwe n'ay'ishimwe rihanitse ahabwa umukozi wa Leta n'umutegetsi ubufitiye ububasha abisabwe n'umukuriye mu kazi.

Ingingo ya 102 :

Amashimwe ku mugaragaro n'imidari y'ishimwe ry'abakozi ba Leta bitangwa ku munsi mukuru w'iya mbere Gicurasi n'Umukuru w'Imidari y'Ishimwe mu rwego rw'Igihugu abisabwe n'Umukuru w'urwego rw'ubutegetsi bwa Leta bireba.

Ingingo ya 103 :

Uburyo amashimwe atangwa n'ibihembo bijyana na yo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA IV: IMPETA Z'ICYUBAHIRO

Ingingo ya 104:

Umukozi wa Leta n'uwahoze ari we, wagize ubwitange ku kazi ashobora guhabwa impeta z'icyubahiro akiriho cyangwa yarapfuye hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 105:

Igena ry'ubwoko bw'impeta z'icyubahiro rikorwa n'Urwego Rukuru rw'Igihugu rushinzwe imidari y'ishimwe rumaze gusuzuma amadosiye y'abakozi bireba.

INTERURO YA VII: AMATEGEKO AGENGA IMISHAHARA

UMUTWE WA MBERE: IMISHAHARA

Ingingo ya 106:

Umukozi wa Leta, kubera akazi akora, ahabwa buri kwezi igihembo gikubiyemo: umushahara fatizo, hiyongereyeho iyo bibaye ngombwa, amafaranga agenerwa umuryango, indamunite, amashimwe n'ibindi agenerwa bifitanye isano n'imiterere yihariye y'akazi akora.

Ingingo ya 107:

Igihembo kigeze igihe cyo kwishyurwa kubera akazi kakozwe, kigizwe n'umushahara fatizo ubazwe uhereye aho buri mwanya w'umurimo uri ku mbonerahamwe y'imishahara nk'uko umugereka wa II ubyerekana.

Ingingo ya 108:

Buri mwanya w'umurimo uhwanye n'umubare fatizo, hakurikijwe urutonde rw'imirimo ruriho ubu.

Buri mushahara fatizo w'umukozi wa Leta ubarwa uhereye ku mubare fatizo uhwanye n'intera ye cyangwa urwego rw'umurimo arimo.

Ingingo ya 109:

Umushahara fatizo wongeweho amafaranga agenerwa umuryango, indamunite, amashimwe n'ibindi umukozi wa Leta agenerwa bijyanye n' akazi akora ni byo bigize umushahara mbumbe.

UMUTWE WA II: IBINDI BIGENERWA UMUKOZI WA LETA N'AMAFARANGA AKURWA KU MUSHAHARA

Ingingo ya 110:

Indamunite zigize agace kamwe k'umushahara Leta itanga kugira ngo yunganire abakozi bayo; naho amashimwe agerekwa ku mushahara abumbiye mu gihembo cy'umukozi wa Leta.

Ingingo ya 111:

Umukozi wa Leta umaze iminsi irenze mirongo itandatu (60) asigariyeho undi ahabwa ibijyana n'umwanya w'uwo yasigariyeho.

Ingingo ya 112:

Amafaranga akurwa ku mushahara kubera imisoro, ubwiteganyirize bw'abakozi n'ibindi akurwaho hakurikijwe amategeko abigenga, hagasigara umushahara bwite, uhembwa umukozi wa Leta buri kwezi, iyo igihe kigeze.

Ingingo ya 113:

Umushahara w'umukozi wa Leta utangira kubarwa guhera ku munsi yatangiriyeho akazi kandi ugahagarikwa guhera bukeye bw'umunsi yahagarikiyeho akazi.

Iyo umushahara w'ukwezi udatangiwe rimwe wose, ugabanywamo iminsi mirongo itatu maze ugatangwa hakurikijwe iminsi umukozi wa Leta yakoze.

Ingingo ya 114:

Uretse amafaranga akurwa ku mushahara hakurikije amategeko abigenga, nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kugira icyo agabanya ku mushahara w'umukozi wa Leta, keretse ari nk'igwatira tambama cyangwa se ari nyirawo ubyishakiye.

Ingingo ya 115:

Uko agaciro k'umubare fatizo kangana, uko imishahara y'abakozi ba Leta ibarwa n'uko yishyurwa, ubwoko n'imitangire y'indamunite, amashimwe n'ibindi umukozi wa Leta agenerwa bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

INTERURO YA VIII: KUREKA AKAZI BURUNDU

Ingingo ya 116:

Kureka akazi burundu bituma umukozi wa Leta ahanagurwa ku rutonde rw'abakozi ba Leta.

Umukozi wa Leta areka akazi burundu iyo:

1° asezeye ku bushake;
2° asezerewe nta mpaka;
3° yirukanwe;
4° ahawe ikiruhuko cy'izabukuru;
5° iyo apfuye.

UMUTWE WA MBERE: GUSEZERA KU KAZI KU BUSHAKE

Ingingo ya 117:

Gusezera ku kazi ku bushake bikorwa mu nyandiko ikozwe n'umukozi wa Leta ku buryo budashidikanywa, igaragaza ubushake bwe bwo kuva burundu mu bakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Kwegura byemerwa n'umutegetsi wo mu bakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta ubifitiye ububasha.

Ingingo ya 118:

Gusaba gusezera ku kazi ku bushake bikorwa mu nyandiko, inyujijwe ku muyobozi w'usaba kwegura, yohererezwa umutegetsi wo mu nzego z'abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta ubifitiye ububasha, na we agafata icyemezo mu minsi itarenga mirongo itatu (30) uhereye umunsi yahereweho ibaruwa isaba gusezererwa.

Umukozi wa Leta usaba kwegura ku bushake ku mirimo ye agomba kuba ayigumyeho kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo cyafashwe. Nyamara ariko iyo umutegetsi ubifitiye ububasha atagize icyemezo afata mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere, kwegura ku kazi biba byemewe, uhereye umunsi ukurikira irangira ry'icyo gihe.

UMUTWE WA II: GUSEZERERWA NTA MPAKA

Ingingo ya 119:

Gusezererwa nta mpaka ni icyemezo umutegetsi ubifitiye ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta afata cyo kuvana burundu umukozi wa Leta mu bakozi ba Leta.

Ingingo ya 120:

Gusezererwa nta mpaka bikorwa iyo umukozi wa Leta:
1° atacyujuje ibyangombwa kugira ngo umuntu ahabwe akazi biteganywa mu ngingo ya 28;
2° afatiwe icyemezo cyo kutemezwa burundu mu bakozi ba Leta arangije igeragezwa;
3° atagarutse mu kazi nta mpamvu igaragara, iyo igihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo riteganywa mu ngingo ya 66,1° kirangiye;
4° adafite intege cyangwa ubwenge bishobora gutuma asubira ku kazi arangije ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa mu ngingo ya 45;
5° agaragaweho kuba atagishoboye akazi;
6° arengeje amezi atandatu (6) ahagaritswe ku mirimo kubera ivanwaho cyangwa ibura ry'umurimo.

Ingingo ya 121:

Iyo umukozi wa Leta asezerewe nta mpaka kubera ivanwaho ry'umurimo, agenerwa amafaranga y'ishimwe abarwa bahereye ku mushahara mbumbe kandi agatangwa ku buryo bukurikira:
1° ukwezi kumwe (1) ku bakozi bataramara imyaka itanu (5) mu kazi;
2° amezi abiri (2) ku bakozi bamaze kuva ku myaka itanu (5) kugeza ku myaka icyenda (9) mu kazi;
3° amezi ane (4) ku bakozi bamaze kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'icyenda (19) mu kazi;
4° amezi atandatu (6) ku bakozi bamaze nibura imyaka makumyabiri (20) mu kazi.

UMUTWE WA III: KWIRUKANWA KU KAZI

Ingingo ya 122:

Kwirukanwa ku kazi ni icyemezo gifatirwa umukozi cyo kumuvana burundu mu bakozi ba Leta bitewe n'ikosa rikabije yakoze.

Icyo cyemezo gifatwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta hakurikijwe icyemezo cya Komisiyo.
Iyirukanwa rya burundu rihera igihe umukozi wa Leta yamenyesherejwe icyemezo kimwirukana.

UMUTWE WA IV: KWEMERERWA NO GUSHYIRWA MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU

Ingingo ya 123:

Kwemererwa no gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru byerekana irangira risanzwe ry'umurimo w'umukozi wa Leta, ari byo bimuhesha uburenganzira ku mafaranga y'izabukuru nk'uko ateganywa n'amategeko y'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Umukozi wa Leta ucyuranye ishema igihe cye, amaze ku kazi nibura imyaka cumi n'itanu (15), yemerewe kuba yabaza uburenganzira bw'umukozi wa Leta ugeze mu zabukuru kandi akagumana intera ihanitse, izina n'ibindi yabonye mu mirimo ye.

Ingingo ya 124:

Imyaka isanzwe kugira ngo umukozi wa Leta abone ikiruhuko cy'izabukuru ni mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko.

Nyamara, umukozi wa Leta ugejeje nibura ku myaka mirongo itanu n'itanu (55) y'amavuko kandi afite nibura imyaka cumi n'itanu (15) y'uburambe ku kazi, ashobora gusaba kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe giteganijwe kitaragera.

Ingingo ya 125:

Kwemererwa no gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru bikorwa n'umutegetsi ubifitiye ububasha mu birebana n'abakozi ba Leta kandi bigaha umukozi wa Leta uburenganzira bwo guhabwa amafaranga y'ishimwe ahwanye

n’amezi atandatu (6) y’umushahara uhanitse wafatiweho umusanzu w’ubwiteganyirize uwo mukozi yigeze kugeraho mu mirimo ye mu butegetsi bwa Leta y’u Rwanda.

Umukozi wa Leta ugiye mu kiruhuko cy’izabukuru, afite imyaka mirongo itanu n’itanu (55) y’amavuko, ahabwa amafaranga y’ishimwe y’inyongera ahwanye n’umushahara w’amezi atandatu (6) uvugwa mu gika cya mbere y’iyi ngingo.

UMUTWE WA V: URUPFU RW’UMUKOZI

Ingingo ya 126:

Umukozi wa Leta upfuye aba arangije umurimo we mu bakozi ba Leta n’inzego z’imirimo ya Leta kandi n'ikurikiranwa ku byaha yaba yarakoze mu kazi rikarangirira aho.

Leta yishingira gutanga amafaranga yo gushyingura abakozi bayo bapfuye bakiri mu mirimo.

Ayo mafaranga agomba nibura gutuma hagurwa isanduku, gucukura imva no gutwara umurambo.

Ayo mafaranga n’uburyo agomba gutangwamo biteganywa n’iteka rya Minisitiri w’Intebe.

Ingingo ya 127:

Iyo umukozi wa Leta apfuye akiri ku murimo, amafaranga y’impozamarira angana n’umushahara we mbumbe wa buri kwezi aheruka guhembwa, wikubye inshuro esheshatu (6) ashyikirizwa uwapfakaye n’imfubyi asize, yaba atabafite, agashyikirizwa abamuzungura bemewe n’amategeko bakayagabana ku buryo bwemewe n’amategeko.

INTERURO YA IX: INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA

UMUTWE WA MBERE: INGINGO Z’INZIBACYUHO

Ingingo ya 128:

Abakozi ba Leta bose bari mu kazi mu ntera zizwi neza, ushingiye ku madosiye yabo nk’uko biteganywa n’itegeko-teka ryo ku wa 19 Werurwe 1974 kimwe n’amabwiriza yaryo, bashyirwa mu myanya uhereye ku mishahara yabo igaragara ku mbonerahamwe y’imishahara nk’uko iboneka ku mugereka wa II.

Iboneza ry’intera rishingiye ku mishahara nk’uko bigaragara mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa herekanywe mbere na mbere agaciro k’umubare fatizo gafitanye isano nyakuri n’umushahara uhembwa abakozi ba Leta bakiri mu kazi.

Umwanya wa buri mukozi ku mbonerahamwe y’imishahara ivugwa mu gika cya mbere uhwanye n’intera nshya nk’uko bivugwa mu ngingo ya 15.

Abakozi ba Leta bagengwa n’itegeko-teka ryo ku wa 19 Werurwe 1974 bagumana uburambe bwabo mu kazi niba bakomeje kuba mu bakozi ba Leta n’inzego z’imirimo ya Leta bagengwa n’iri tegeko.

Ingingo ya 129:

Buri butegetsi bugengwa n’iri tegeko, bukora imbonerahamwe y’imirimo yerekana imirimo n’imyanya abakozi barimo hakurikijwe ibyo umukozi wa Leta aba yujuje kugira ngo abe yashyirwa mu mwanya uyu n’uyu.

Ingingo ya 130:

Abakozi ba Leta bashyizwe mu ntera nshya nk’uko bisobanurwa mu ngingo ya 128, bashyirwa mu myanya hakurikijwe imbonerahamwe yerekana imiterere y’imirimo ya Leta.

Iyo habaye ibusana hagati y’ibyo kujya mu mwanya cyangwa imiterere y’umurimo runaka, ubushobozi n’uburambe ku kazi by’umukozi wa Leta uwurimo, hakorwa:

1° ikwirakwiza ry'abakozi bari mu butegetsi bumwe;
2° ikwirakwiza ry'abakozi bari mu butegetsi bunyuranye;
3° ishyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru mbere y'igihe cyangwa isezererwa nta mpaka.

Iyo ibimaze kuvugwa birangiye hagasigara umwanya utarimo umuntu; uhita uhamagarirwa ipiganwa.

Ibivugwa byose muri iyi ngingo bikorwa hakurikijwe isesengura ry'imyanya y'imirimo.

Ingingo ya 131:

Ikwirakwiza ry'abakozi mu butegetsi bumwe bikorwa n'umuyobozi wa buri butegetsi bisabwe n'abayobozi bakuru b'abakozi ba Leta cyangwa b'amashami anyuranye y'ubuyobozi.

Hatirengagijwe ibiteganywa mu gika cya kabiri (2) cy'ingingo ya 3 , ikwirakwiza ry'abakozi mu butegetsi bunyuranye rikorwa na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze, bisabwe n'abayobozi ba buri butegetsi burebwa n'icyo kibazo.

Ingingo ya 132 :

Imikorere yari isanzwe ikurikiza amategeko n'amabwiriza akora mu byerekeye imitegekere y'abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta izakomeza gukurikizwa mu mezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe iri tegeko ryatangiye gukurikizwa.

UMUTWE WA II*:* INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 133:

Ingingo z'amategeko yose abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 134 :

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 09/07/2002

Perezida wa Repubulika
Paul KAGAME
(sé)

Minisitiri w'Intebe
Bernard MAKUZA
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
KAYITESI Zaïnabo Sylvie
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Donald KABERUKA
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
Jean de Dieu MUCYO
(sé)